

za 300m<sup>2</sup>. Gutura mu buryo bw'imirango 4 cg 8 mu nzu imwe ikomatanye bizako-meza gutezwa imbere. Buri mudugudu uzaba uftie ingo zibariwa muri 550 zizaba zikikijwe n'ubutaka bwo guhingaho bungana nibura na hegitari 420.

### Imyubakire y'amazu

Ubu mu Rwanda habarwa amazu agera kuri 2,800,000. Kugira ngo Abanyarwanda bazaba bagera kuri miliyon 22.1 bazabone aho gutura mu mwaka wa 2050, haza-ba hakenewe amazu miliyon eshanu n'igice (5.5) (birasaba kubaka amazu 150,000 buri mwaka). Aya mazu akenewe aramutse yubatswe nk'uko bisanzwe bikorwa ntawbo ubutaka bwaboneka. Igishushanyombonera gishya giteganya ko hazaher-wa ku kuvugurura utujagari dusanzwe no kubaka ubutaka butubatse buherereye mu mbago z'imiyi n'udusanteri bisanzwe mbere yo kwagura imiyi no gukoresha inkengero zayo.

Igishushanyombonera gishya cyashyizeho uwokoto bw'amazu bugera kuri buta-nu n'ubucukike mu miturire hashingiye ku cyciro cya buri muiyi. Muri ibyo byciro by'amazu harimo amazu asanzwe atageretse n'andi y'amagorofa yubakwa ageretse rimwe cyangwa kensi kugera ku maremare cyane bitewe n'ubushoboz bw'abutu-rage bo muri buri muiyi. Uburo bwo kubaka inzu ndende zizamurwa ariko zitubaki-we rimwe buremewe (incremental housing development) ariko inyubako igakome-za igasa neza nk'iyarangiye kugirango uko ubushoboz bubonetse bwo kwagura inzu, ishuri cyangwa ivuriro bikorerwe hejuru yayo bidasabye kwagura mu butam-bike. Inzu ndende ishobora gukorerwamo ibantu bitandukanye harimo guturwamo hejuru no gukorerwamo ubucuruzi hasi (mixed-use apartment).

Mu muiyi ikomeye, inzu z'ubucuruzi n'ubutegetsi, parikingi, imihanda n'ibindi bigom-ba gukoresha ubutaka bw'ikuzimu (Underground development).

Iki gishushanyombonera gishya kiragaragaza ko ishoramari mu kubaka amazu yo guturwamo n'imiyango myinshi no gukorerwamo ubucuruzi rizatezwa imbere mu buryo bufatika hakoreshwa inyubako ndende.

### Gutwara abantu n'ibantu

U Rwanda ruri mu bihugu bifite imihanda myinshi ku isi kubera ko rwahanze imihan-da myinshi yagije ikurikira imitirire. Ibi bigatumu gufata neza imihanda mu Rwanda bigoye kandi bihenze cyane.

Igishuhanyombonera gishya giteganya ko imihanda n'ibindi bikorwa remezo bishy-irwa aho bikenewe cyane kandi hateganyirije gutura cyangwa ahari ibikorwa bi-komeye by'inganda.

Igishushanyombonera gishya gitanga igisubizo ku buryo bwo kwihiutisha ingendo hongerwa ibikorwa remezo by'inzira cyane cyane izo ku butaka, mu kirere no mu mazi.

Hazubakwa imihanda ya gari ya moshi ihuza u Rwanda n'ibihugu bituranye na two ndetse n'inzira zihuta zihuza Kigali n'imiyi igaragiye n'iunganira umuyi wa Kigali.

### Ubuhinzi n'ubworozi

Inzitizi nyamukuru ku buhinzi bw'u Rwanda ni:

- ▶ Igabanuka ry'ubutaka bwo guhinga busimbuzwa iyindi mikoreshereze: Ikgere-ranyo cya hegitari 0.4 z'ubutaka kuri buri muryango.
- ▶ Umusaruro muke ukeneye kongerwa ku buryo buhagije kugirango igihugu ki-haze mu birliba ariko kinasagurire amasoko.
- ▶ Umubare munini cyane w'abaturage bari mu buhinzi gakondo mu gihe ahub-wo hakenewe umubare muto w'abuhinzi bakora kinyamwuga.
- ▶ Ikbazo cyo guhuza imirima mito cyane idatanga umusaruro ukenewe. Hake-newe guhuza ubutaka no kunoza imitirire yo mu cyaro kugirango tuzamure umusaruro v'ubuhinzi.

Igishushanyombonera cy'imikoreshereze y'ubutaka no kubyaza ubutaka umusar-u-ro kerekana ko kugirango abanyarwanda babashe kwihiaza mu birliba, banasaguri-re isoko, hagomba gukorwa byibura ibi bikurikira:

- ▶ Kurinda ubutaka bw'ubuhinzi byibura bungana na kilometero kare 12,433 (km<sup>2</sup>) (bingang na 51.5% y'ubutaka bw'igihugu) byaba byiza bukongera bukagera kuri 15,000km<sup>2</sup>, bugahuzwa bugakoreshwa neza mu bikorwa by'ubuhinzi gusa.
- ▶ Abakora ubuhinzi ntibagomba kurenga 30% by'abaturage nkuko bitegany-iwe n'icyerekezo 2050 kugirango byibura buri muhini agere ku kigereranyo cy'ubutaka bungana na hegitari 1.5 akoresha mu buhinzi.
- ▶ Imitirire itatanye igomba kunozwa, abaturage bagatura mu midugudu yagen-we no mu muiyi iboneye kugirango guhuriza hamwe ubutaka bw'ubuhinzi bi-zagerweho.
- ▶ Guteza imbere imihingire ya kinyamwuga n'imbuto z'indobanure, kuhira imy-ka imusozi, gukoresha imashini mu buhinzi, gukora amaterase y'indiganire ku



tungo kamere wa za pariki, ku misozi nyaburanga, n'ibindi). Buri gishushanyombonera cy'Akarere kizarushaho kugaragaza ahaberanye n'ubukerarugendo muri buri Karere.

### Iterambere ry'inganda

Inganda na serivisi bigomba gutera imbere cyane ku buryo bufatika kuko ari byo ubukungu bw'igihugu buzaba bwubakirye. Abanyarwanda barenga 70% bazaba bakesha imbereho servisi zitandukanye.

Inganda zikomeza gushyiraho mu buryo bwiza bukurikije ibiberanye na buri Karere. Igishushanyombonera gishya kigaragaza ko hakenewe ibyanya by'inganda mu Turere 13 gusa harimo 2 zo mu mujyi wa Kigali. Utwo Turere ni Gasabo, Kicukiro, Rwamagana, Bugesera, Muhamga, Musanze, Rubavu, Rusizi, Huye, Nyagatare, Kirehe, Karongi na Ny-abihu. Ingano ntarengwa y'ibyanya by'inganda zose mu gihugu ntigomba kurenga he-gitare 2900 kugeza mu mwaka wa 2035 na hegitare 8800 kugera mu mwaka wa 2050. Ku tundi Turere tutahawwe ibyanya by'inganda byemewe, hateganywa gushyiraho in-ganda ntoya zidahumanya ikirere zigendanye n'ibiva mu buhinzi n'ubukoriki.

### Ibikorwa remezo by'ingufu, amazi, amashuri, amavuriro, inyubako n'ibibuga bya siporo, ikoranabuhanga n'ibindi

Ibi bikorwa byose byageneve ubutaka imberi mu muiyi 101 yateganyiye no mu midu-gudu igeru ku 3000 yo mu cyaro. Bigomba gushyiraho abahigenewe. Uburo busanzwe bwo kubikirakwiza mu misozi yose bwagaragaye nk'uburyo butarambye. Imbaraga nyinshi zikwiye gushyiraho mu gutuza abaturage neza ahateganyiye bakagenda bah-sanga ibikorwa remezo by'ibanze. Ibi bizatuma iterambere ry' imiyi, ubuhinzi n'iteram-bere ny'izindi nzego zose biggeraho mu buryo bugaragara. Ingano y'ubutaka bukwiye kubakwaho na buri rwego rw'ishuri cyangwa ivuriro bwashyizweho muri iki gishush-nyombonera gishya. Kubaka amashuri n'amavuriro bigomba gukorwa neza inyubako zubakwa ziya hejuru.

## UBURYO BWO GUSHYIRA MU BIKORWA IGISHUSHANYOMBONERA CYO KU RWEGO RW'IGHUGU

- ▶ Hateganyiye ko amategeko n'inezgo zishinzwe gushyiraho mu bikorwa igishushany-ombonera gishya bigomba kuvugururwa no kunoza;
- ▶ Mbere yo gukora igishushanyombonera cy'ahantu aho ari ho hose cyangwa umushinga munini ugiye gukoresha ubutaka, Ministeri ifite ubutaka mu nshingano zayo ibinyujije mu Rwego rw'ighugu Rushinzwe Ubutaka izaya ibanza ibisuzume, harebwa niba byubahirije ibteganyiye byose.
- ▶ Mbere yo kugenra engeno y'mari ibikorwa n'imishinga by'inezgo za Leta hazaja habanza hasuzumwe niba bikurikije ibyo iki gishushanyombonera gishya gitegany-ya.
- ▶ Guteza imbere no korosha ishoramari n'amasosiyete azaba yubakira rimwe inzu nyinshi bigomba gushyiramo imbaraga, kimwe no guteza imbere uburyo bwo kumbira abantu hamwe bakubaka mu buryo bukomatanyije. Kubaka bazamuka na byo bizashyiramo imbaraga.
- ▶ Ikurikirana ny'imikoreshereze y'ubutaka rizifashisha ikoranabuhanga ku buryo un-yuranyije n'ibiteganywa n'iki gishushanyombonera gishya azatahurwa hakiri kare.

### NI IKI KIGIYE GUKURIKIRAO?

Nyuma yo kwemeza Igishushanyombonera cy'imikoreshereze no kubyaza umusaruro ubutaka ku rwego rw'ighugu hagiye gukurikiraho ibi bikurikira:

- ▶ Kuvugurura amategeko kugira ngo ahuzwe n'iki gishushanyombonera gishya.
- ▶ Gushyiraho ibishushanyombonera by'uturere twose n'icy'Umuyi wa Kigali. Igishushanyombonera cyo ku rwego rw'akarere kizajya cyerekana imikoreshereze y'ubutaka iteganyiye mu Karere kose mu muiyi ikagize no mu byaro.
- ▶ Gushyiraho uburyo bwo gusuzuma imishinga yose yaba ikorwa ubu n'imishya izakorwa kugira ngo hajye harebwa niba yubahirije igishushanyombonera gishya mbere yo guhabwa ingengo y'mari.
- ▶ Gushyiraho uburyo bw'ikoranabuhanga bwo kugenzura uko ubutaka bukoreshwa mu gihugu.

### ABATURAGE N'INZEZO BARASABWA IKI?

- ▶ Abaturage, inzego za Leta zose n'izabikorera barasabwa gukurukiza ibikubiye muri iki gishushanyombonera cy'imikoreshereze y'ubutaka no kubyaza umusaruro ubu-taka.
- ▶ Imiryango itegamiye kuri Leta irasabwa gufasha mu bukangurambaga ku gishush-nyombonera gishya.



IKIGO GISHINZWE IMICUNGIRE  
N'IMIKORESHEREZE Y'UBUTAKA  
MU RWANDA



Ensuring tomorrow's sustainability today!


# Igishushanyombonera cy'imikoreshereze no kubyaza umusaruro ubutaka mu cyerekezo

# 2020-2050



## NATIONAL LAND USE AND DEVELOPMENT MASTER PLAN 2020-2050

### Directives and Proposed Uses



### INTANGIRIRO

Ubutaka ni umurage w'Abanyarwanda, abakambere, abariho ubu ndetse n'abazabakomoko. Ubutaka ni umusingi Igihugu cyubakiraho ubukungu n'amajyambere yacyo ibihe byose. Igihugu gicunga kikanakoresha ubutaka neza kiba cyubaka ibizaramba.

U Rwanda rwashyizeho igishushanyombonera cy'imikoreshereze no kubyaza ubutaka umusaruro cya mbere mu mwaka wa 2011 kerekana imirongo migari yo gushyira mu bikorwa icyerekezo 2020.

Nk'uko ibarurishamibare ribigaragaza, U Rwanda rufite abaturage barengi miliyoni cumi n'ebiyiri n'igice, n'umuvuduko w'ubwiyongere ungana na kabiri n'ibice bine ku ijana (2.4%) buri mwaka (abana basaga 300,000 bavuka buri mwaka). Ibi bikaba birugira kimwe mu bihu bya Afrika bifite umuvuduko munini w'ubwiyongere bw'abaturage kurusha ibindi.

Igishushanyombonera gishya giteganya ko u Rwanda ruzaba rutuve n'abaturage miliyoni makumyabiri n'ebiyiri n'ibihumbi ijana mu mwaka wa 2050 mu gihe ingamba zo kuringaniza imbyaro zaba zashyizwe mu bikorwa. Ubu bwiyongere bw'abaturage buzagira ingaruka ku mikoreshereze y'ubutaka no ku umusaruro uva ku butaka kuko umubare w'abaturage kuri kilometero kare imwe uzava ku baturage 518 ukagera ku baturage 887.

### IGISHUSHANYOMBONERA CY'IMIKORESHEREZE NO KUBYAZA UBTAKA UMUSARUO KU RWEGO RW'IGIHUGU NI IKI?

Igishushanyombonera cy'imikoreshereze no kubyaza umusaruro ubutaka ku rwego rw'igihugu ni isesengura ryerekana uko ubutaka bw'igihugu bugomba gukoreshwa

neza mu gihe kirekire kugira ngo butange umusaruro ukwiye n'iterambere rirambye ku nzego zose z'igihugu. Igishushanyombonera gishingira ku muvuduko w'ubwiyongere bw'abaturage n'icyerekezo cy'iterambere ry'igihugu ry'igihe kirekire.

Iki gishushanyombonera gishya cyemejje n'inama'y Abaministriri yateranye kuwa 29 Nyanza 2020, kigamije gushyira mu bikorwa icyerekezo cy'iterambere 2050 Igihugu cy'u Rwanda cyihaye. Intego yacyo ni ukugaragaza uko ubutaka buzakoresha n'uko buzabayaza umusaruro guhera mu mwaka wa 2020 kugeza mu mwaka wa 2050 hakurikijwe bw'abaturage, umuvuduko w'iterambere mu nzego zose ndetse n'intego Igihugu cyihaye kugeraho mu mwaka wa 2050.

Mu gutegura iki gishushanyombonera gishya, habayeho inama nyungurabiterekero nyinshi ku nzego zitandukanye ku rwego rw'igihugu, hamwe n'ikusanyabiterekero n'amakuru mu Turere tws'igihugu hakusanya ibitekerezo ku byifuso by'Uttere n'abaturage batwo ku igenamigambi rishingiye ku miterere yihariye ya buri Karere n'ibyo babona byakwibandwaho byafasha mu iterambere rya buri Karere. Abaturage, inzego z'abikorera ndete n'imiryango itegamiye kuri Leta nabo batanzo ibitekerezo kuri iki gishushanyombonera.

### IGISHUSHANYOMBONERA GISHYA KIJE GUKE MURA IBIHE BIBAZO?

Igishushanyombonera gishya cyo ku rwego rw'igihugu kizakemura ibibazo by'ingenzi bikurikira biri mu mikoreshereze y'ubutaka mu Rwanda:

- Ikibazo cy'imikoreshereze mibi y'ubutaka aho bamwe babukoresha batitaye ku bikorwa bindi bibokenye;
- Ikibazo cy'imiturire imaze gukwirakwira ahantu hose kigatuma gukora igenamigambi ry'ibikwaremezo bigorana kandi bishenda cyane, kigatera ibindi bibazo bigendanye no kutagira ubutaka buhagije bw'ubuhinzi buhuje, ubw'ubworozi n'ubw'amashyamba, biteza imyuzure, isuri n'inkanguz'ubutaka n'imihindagurikire y'ikirere.

### INZENGO Z'UBUKUNGU ZIBANZWEHO

Mu gishushanyombonera gishya, hashywemo ingamba n'imirongo ngenderwaho igomba gukurikiza na buri rwego rw'ubukungu rukoresha ubutaka ndetse na buri mu nyarwanda.

Inzego zasuzumwe mu gishushanyombonera gishya ni izi zikurika:

- Imyubakire, imiji n'imiturire mu cyaro;
- Inganda;
- Ubuhinzi n'ubworozi;
- Umutungo kamere n'ibidukikije;
- Ubukerarugendo;
- Ubwikorezi no gutwara abantu;
- Ibikorwaremezo;

### IBIKUBIYE MURI IKI IGISHUSHANYOMBONERA CYO KU RWEGO RW'IGIHUGU

#### Inzego z'ubukungu zahawe ubutaka zizakoresha

Buri rwego rw'ubukungu bw'igihugu bitewe n'ibizakerewa rwagenewe ubuso (hagabyanya 26,338 km<sup>2</sup>) bw'ubutaka buzakoresha mu cyerekezo 2050 mu buryo bukurikira:

- Ubuhinzi n'ubworozi: 12,433 km<sup>2</sup> (51.5% habazwe ubutaka gusa bw'igihugu);
- Amashyamba: 7,725 km<sup>2</sup> (32% by'ubutaka bw'igihugu);
- Imiturire, ibikorwa remezo byose hamwe n'imihanda: 3,980 km<sup>2</sup> (15.1%);
- Amazi n'ibishanga bikomye n'imbagi zabyo: 2,200 km<sup>2</sup> (8.5%). Ibi bishobora kubyazwa umusaruro mu bikorwa bibungabunga urusobe rw'ibinyabuzima n'ubukerarugendo.

#### Gutuza abantu mu mijyi no mu byaro

- Abanyarwanda hafi 18.4% bari batuye mu mijyi kugeza mu mwaka wa 2019. Gutura mu mijyi bikaba bikomeje kwyiwyongera kubera amahirwe y'umurimo ahari, icyakora bigomba gukorwa neza kugira ngo imiji ikomeze kuba igicumbi cy'iterembere.
- Hashingiye ku mubare w'abaturage na serivisi zizaba zikenewe mu guteza imbere imibereho y'abutaye mu mijyi bazaba bageze ku kigero cya 70 ku 100 (70%) y'Abanyarwanda bose mu mwaka wa 2050 (Miliyon 15.4) kandi imiji yose y'igihugu (101) igomba gukorsha ubuso butarenze kirometero kare 1754. Igishushanyombonera gishya cyashyizaho ibyiciro bitanu by'imiji:



- Hateganyijwe ko **Umujiyi wa Kigali (Kigali City)** uzakomeza kuba umurwa mukuru w'igihugu kandi ugakomeza guteza imbere mu ngeri zose. Hateganyijwe ko mu mwaka wa 2050 uzaba ufite abaturage babarirwa hagati ya miliyon 3 na miliyon 3.8 bari ku bucucike bw'abaturage buri hejuru ya 9000 kuri kirometero kare imwe (>9000 /km<sup>2</sup>).
- Hari kandi imiji itatu igaragiye Umujiyi wa Kigali iwukikije kandi iwunganira ari yo **Muhanga, Bugesera na Rwamagana**. Buri mijyi uzaba ufite abaturage buri hagati ya 650,000 na 1,000,000. Umujiyi wa Muhanga uzaba ari umuji w'ubucuruzi butandukanye no gutunganya amabuye y'agaciro n'ibindi. Umujiyi wa Bugesera uzateza imbere cyaneubwikoreshwa n'inganda naho Umujiyi wa Rwamagana uzaba umuji wo guteza imbere umusaruro w'ubuhinzi. Kubera umuvuduko munini w'ubwiyongere bw'abaturage bagana muri iyi mijyi igaragiye uwa Kigali bakurikiye ubutaka buhen-

dutse no kubaka byoroshye, ni ngombwa gushyira imbaraga zihariye mu kuyobora iterambere ry'imiturire muri iyi mijyi. Ubucucike bw'abaturage kuri kirometero kare imwe bugomba kuba hagati ya 8000-9000 (8000-9000 /km<sup>2</sup>).

- Imiji umunani yunganira umujyi wa Kigali kandi iherereye hafi y'imbibi z'igihugu ari yo **Musanze, Rubavu, Rusizi, Huye, Nyagatare, Karongi, Kirehe na Kayonza** mu kwegereza abaturage bahaturiye iterambere ryihuse mu nzego zitandukanye. Buri mijyi muri iyo uzaba ufite abaturage bari hagati ya 250,000 na 650,000. Iyo mijyi izeza imbere ubucuruzi bw'imbere mu Gihugu n'ubwambukiranya imipaka. Ubucucike bw'abaturage kuri kirometero kare imwe bugomba kuba hagati ya 7000-8000 (7000-8000 h/km<sup>2</sup>).
- Imiji iciriritse 16 y'Uttere dusigaye aho buri mijyi ufata nk'ikicaro cy'ako karere na yo izakomeza gutera imberi mu buryo bwiza burangwa n'imiturire yegeranyi itanga umusaruro. Iyo mijyi ni Nyanza, Ruhango, Kamonyi, Gisagara, Nyamagabe, Nyaruguru, Ngarambo, Gatsibo, Gicumbi, Rulindo, Gakenke, Burera, Rutsiro, Nyabihu, Ngororero, Nyamasheke. Buri mijyi uzaba ufite abaturage bari hagati ya 100,000 na 250,000 bari bucucike bw'abaturage kuri kirometero kare imwe buri hagati ya 6000-7000 (6000-7000 /km<sup>2</sup>).
- Imiji mito (santeri) yo mu cyaro 73. Iyi mijyi izakomeza gukorwa no gufasha cyane icyayo kugurisha umusaruro ukomoka ku buhinzi mu bice by'icyayo biyizengurutse. Buri mijyi mito uzaba ufite abaturage bagera kuri 25,000. Mu Turere twose izi santeri zirahari kandi zizafshawa gukorwa mu buryo buboneye butabangamira ubutaka bw'ubuhinzi buzikikije. Santeri zatoranjive zizateza imbere nk'mijyi mito ni izi zikurika:

N	AKARERE	UMUJYI MUTO/SANTERE
<b>INTARA Y'AMAJYEPFO</b>		
1	Muhanga	Remera
2	Huye	Rusatira, Arrete-Kinazi, Karama
3	Nyanza	Busoro, Nyatozo, Butansinda,
4	Ruhango	Kinazi, Byimana, Gitwe-Buhanda
5	Kamonyi	Remera-Rukoma, Musambira, Mugina
6	Nyaruguru	Cyahinda, Munini,
7	Nyamagabe	Kaduha, Gasarendra
8	Gisagara	Mamba, Gikondo, Kibirizi, Save,
<b>INTARA Y'IBURASIRAZUBA</b>		
9	Rwamagana	Muyumbu-Nyakariro, Nyagasambu, Karembe
10	Bugesera	Ruhuha, Rweru
11	Nyagatare	Matimba, Karangazi, Rwimiyaga, Mimuri, Rukomo
12	Kayonza	Kabarondo, Rwkawavu, Karubamba-Video
13	Kirehe	Rusumo, Nasho
14	Ngoma	Rukira, sake
15	Gatsibo	Kiramuruzi, Muhura, Ngarama
<b>INTARA Y'IBURENGERAZUBA</b>		
16	Rubavu	Kabumba
17	Rusizi	Giheke, Bugarama, Muganza, Mibirizi, Mushaka
18	Karongi	Birambo, Shyembe, Mugonero, Mubuga
19	Rutsiro	Kivumu, Kayove, Musasa
20	Nyabihu	Sashwara-Jenda, Vunga, Gasiza
21	Ngororero	Kabaya
22	Nyamasheke	Ntendezi, Bushenge
<b>INTARA Y'AMAJYARUGURU</b>		
23	Musanze	Byangabo, Remera-Ruhondo
24	Gicumbi	Rutare, Gatuna
25	Rulindo	Bubangu, Kinihira, Base
26	Burera	Gahunga-Kinoni, Kirambo, Cyanika
27	Gakenke	Ruli, Kivuruga

Izindi santeri zitagaragara muri iyi mbonerahamwe yo hejuru zashyizwe mu cyiciro cy'imiturire yo mu midugudu.

Icyayo kizasigarana imitirire yo mu midugudu ku baturage bazaba basigaye ku kigereranyi cya 30% (miliyon 6.6). Imidugudu myinshi izahuzwa ikazagera ku 3000 igakoresha ubutaka butarenze kirometero kare 1241 (km<sup>2</sup>) kugirango haboneke ubutaka bwo guhingaho mu buryo buhujwe. Hagati y'umudugudu n'undi hagakwiye kuboma byibura kirometero 4 (km). Buri Kagari kazagira umudugudu umwe cyangwa ibiri gusa yo gutuzaho abantu. Imitirire itatanye mu cyaro izirindwa abantu batura neza mu mudugudu ufite ibikorwa remezo byibanze byose. Ibi bizakorwa hagamijwe gutura ku butaka buto. Ikiwanza cyo guturaho ntawbo kigomba kuren-